**REPUBULIKA Y'U RWANDA** **Karongi, ku wa ..11..../10/2016**

**N°..7..06../07.03/01** 1726

KARONGI DISTRICT
DISTRICT COUNCIL
FOR RECEPTION
Date: 20/10/2016
Signature: ..............

KARONGI DISTRICT
FOR RECEPTION
Date: 20/10/2016
Signature: ..............

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**E-mail: westernprovince@westernprovince.gov.rw**
**B.P 62 KIBUYE**

Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

**Impamvu** : Imyanzuro y' inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 29/09/2016

Bwana Muyobozi,

Nkwandikiye ngushimira raporo ikubiyemo imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye mu nama yayo isanzwe yo ku wa 29/09/2016 wanyohereje ku mugereka w'ibaruwa N° 294/CC/03/0301 yo ku wa 29/06/2016, ikaba yarangezeho ku wa 7/10/2016.

Imyanzuro ishyirwe mu bikorwa.

Ugire akazi keza.

P.O.

WESTERN PROVINCE
JABO Paul
Executive Secretary

**MUNYANTWALI Alphonse**
Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Bimenyeshejwe** :

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Karongi
  **KARONGI**

**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

Karongi, kuwa 06/10/2016
N°.294......./CC/03/0301

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**INAMA NJYANAMA**
**AKARERE KA KARONGI**
**E-mail:** karongidistrict@karongi.gov.rw
**B.P 23 KIBUYE**

WESTERN PROVINCE
07 OCT 2016
RECEIVED BY..........

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

WESTERN PROVINCE
07 OCT 2016
RECEIVED BY.....

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI yateranye ku wa 29/09/2016.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka KARONGI
- Madamu Umuyobozi w'Akarere wungirije....(bose)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka KARONGI

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**INAMA NJYANAMA**
**AKARERE KA KARONGI**
**E-mail:** karongidistrict@karongi.gov.rw
**B.P 23 KIBUYE**

Karongi, kuwa 06/10/2016
N°.294......./CC/03/0301

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro
y'inama isanzwe y'Inama Njyanama
y'Akarere ka Karongi

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI yateranye ku wa 29/09/2016.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka KARONGI
- Madamu Umuyobozi w'Akarere wungirije....(bose)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka KARONGI

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 29/09/2016**

Inama yatangiye saa tatu (09h00'), ibera mu cyumba cy'inama cy'Akarere, yitabirwa n'Abajyanama 24/28, iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana **MUTANGANA Frederic**

**Ku murongo w'ibyigwa hari:**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 30/06/2016 no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo.
2. Kureba aho imihigo igeze ishyirwamubikorwa, ingamba zafatwa n'amasomo twakuye mu isuzuma ry'imihigo 2015-2016.
3. Ibyavuye mu ma komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama y'Abaperezida
4. Kugaragarizwa ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize.
5. Ibindi.

Nyuma yo kuganira kuri izi ngingo, Abajyanama 24/28 bafashe imyanzuro ikurikira:

| | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO | UWO BIREBA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|---|
| 01 | Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 30/06/2016 no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo. | 1. Nyuma yo gusomerwa inyandikomvugo y'inama yo kuwa 30/06/2016 no kuyikorera ubugororangingo inama yarayemeje. | Inama Njyanama | 29/09/2016 |
| | | 2. Nyuma yo gusomerwa raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama yo kuwa 30/06/2016, inama yasanze imyanzuro yose yarashyizwe mu bikorwa. | Inama Njyanama | 29/09/2016 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 02 | Kureba aho imihigo igeze ishyirwamubikorwa, ingamba zafatwa n'amasomo twakuye mu isuzuma ry'imihigo 2015-2016 | 3. Inama yasanze ishyirwamubikorwa ry'imihigo rigeze kuri 26,3%, isaba inzego zose bireba kongera imbaraga ku girango imihigo yihutishwe. | Komite Nyobozi | Buri gihe |
| | | 4. Byagaragaye ko imihigo ya 2015-2016 itabonetsemo ibikorwa bifatika bizamura iterambere ry'umuturage bityo bituma biduhesha amanota make, Inama yemeje ko hajya hahigwa ibikorwa bigaragaza iterambere nyaryo ry'Akarere kandi bifite impinduka ku baturage, hakanongerwa imbaraga mu gukorana n'abikorera. | Komite Nyobozi | Buri gihe |
| 03 | Ibyavuye mu ma komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama y'Abaperezida | 5. Inama yemeje ko hakorwa ubukangurambaga mu mirenge izakorwamo amaterase kugirango atangire gukorwa kuko igihe cy'ihinga kirimo kuducika. | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu | Bitarenze 07/10/2016 |
| | | 6. Nyuma yaho bigaragairiye ko abaturage batarabona imbuto, inama yemeje ko imbuto yaba yageze kubaturage mu gihe cya vuba kugirango badacikwa n'igihe cy'ihinga | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu | Bitarenze 15/10/2016 |
| | | 7. Nyuma yo kugaragarizwa ko ibiro by'umurenge wa Mutuntu na Rugabano bitagira umuriro, inama yemeje ko hagaragazwa uburyo buzakoreshwa kugirango iyo mirenge icanirwe n'igihe giteganywa kugirango bazabe babonye | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu | Bitarenze 15/10/2016 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | umuriro kugirango bibashe kuborohereza mu kazi bakora kaburi munsi. | | |
| | | 8. Inama yemeje ko mu nama Njyanama itaha Komite Nyobozi izagaragaza ingamba zafashwe kugirango cross boarder market iherereye mu murenge wa Bwishyura izuzure ifite abazahita bayikoreramo | Komite Nyobozi | Bitarenze 31/12/2016 |
| | | 9. Nyuma yuko mu gakiriro hagaragaye ibibazo bitandukanye, birimo umuhanda, cashpower, amazi yinjira munzu n'ibindi inama yasabye ko byakosorwa, raporo y'uko byakemutse igashyikirizwa komisiyo y'ubukungu. | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu | Bitarenze 29/10/2016 |
| | | 10. Inama yemeje ko igikorwa cy'inyigo y'ahazubakwa stade cyakwihutishwa, komisiyo y'ubukungu ikamenyeshwa aho iyo mirimo igeze. | Komisiyo y'Ubukungu Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | Bitarenze 15/10/2016 |
| | | 11. Inama yemeje ko imihigo y'urubyiruko yakwitabwaho ikanakurikiramwa nkuko hakuriranwa indi mihigo y'akarere cyane ko bakorerwa isuzuma ku rwego rw'igihugu. | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza | Buri gihe |
| | | 12. Inama yemeje ko hakurikiranwa imyigire n'imyitwarire by'abanyeshuri ba ESPAN by'umwihariko abanyeshuri bose bagatangirira ku gihe ndetse bakaba mu kigo uretse abataha mu miryango yabo. | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza | Mu ntangiriro z'igihembe cya mbere 2017 |
| | | 13. Mu rwego rwo gutanga service nziza kubagana utugali, inama yemeje ko utugali dukorera ahantu hashaje twakodesherezwa. | Komite Nyobozi | Bitarenze 29/10/2016 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 14. Inama yemeje imyanzuro y'inama z'abaperezida zo kuwa 29/07/2016 niyo kuwa 28/09/2016 isaba ko yashyirwa mu bikorwa. | Inama Njyanama | Bitarenze 29/09/2016 |
| 04 | Kugaragarizwa ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize | 15. Nyuma yuko Komite Nyobozi igaragaje ibikorwa yakoze mu mezi atandatu ashize bishingiye ku nkingi 4 za gahunda ya Guverinoma , inama yabasabye kongera imbaraga mu buryo bwo kwihutisha imihigo. | Komite Nyobozi | Buri gihe |
| 05 | Ibindi. | 16. Inama yemeje gahunda y'ibiruhuko by'abagize Komite Nyobozi iteye itya:<br><br>-Umuyobozi w'Akarere: **Ugushyingo 2016**<br><br>-Umuyobozi Wungirije ushinzwe ubukungu: **Ukuboza 2016**<br><br>-Umuyobozi Wungirije ushinzwe imibereho myiza: **Mutarama 2017** | Umuyobozi w'Inama Njyanama | Bitarenze Gashyantare 2017 |
| | | 17. Nyuma yuko hagaragajwe ko hagati y'ibitaro bya Kibuye n'abagenzuzi b'akarere imikoranire itameze neza, inama yasabye ko byakuriranwa. | Audit committee | Bitarenze 29/10/2015 |
| | | 18. Inama yasabye ko hagaragazwa urutonde rw'ibibanza byatanzwe n'Akarere ndetse n'ibindi bibanza byose n'amazu atuzuye biherereye mu murenge wa Rubengera na Bwishyura hakaganirizwa ba | Umuyobozi wungirije ushinzwe ubukungu | Bitarenze 29/11/2015 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | nyirabyo kugirango byubakwe, raporo igashyikirizwa Inama Njyanama. | | |
| | | 19. Inama yemeje ko umwiherero uzatangira kuwa gatanu ku italiki 21-23 Ukwakira 2016. | Umuyobozi w'Inama Njyanama | 23/10/2016 |

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi (16h00'), isojwe n'Umuyobozi wayo ashimira abayitabiriye anashimira Abajyanama .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi